TUMENYE BIBILIA
IKIGANIRO: 0062

Uraho neza nshuti muvandimwe uteze amatwi ikiganiro TUMENYE BIBILIYA. Amahoro y'Imana nabane nawe. kaze muri iki kiganiro ugezwaho nanjye Parfait NTAMVUTSA.

Nk'uko bisanzwe mbere yuko ntangira ikiganiro cy'uyu munsi, reka nkugezeho, incamake y'ibyo duheruka kwiga. Mu kiganiro cy'ubushize twabonye ko Matayo yerekana neza ko Yosefu atari se wa Yesu nubwo ari umugabo wa Mariya. Ibi bishatse kuvuga iki? Matayo yashatse kwerekana uburyo ubuhanuzi bwo mu isezerano rya kera bwasohoye. Kimwe na Luka wanditse ubutumwa bwiza, uyu umu docteur w'umugiriki nawe yinjiye cyane kumivukire ya Yesu. Yaba we, yaba na Matayo bahamya ko Yesu yabyawe n'umukobwa w'isugi. Yosefu ntabwo yari se kandi nanone Mariya ntiyigeze amuca inyuma bityo rero ntabwo Yesu yari ikinyendaro ahubwo yari Umwana wemewe.

Ubundi amategeko yavugaga ko umukobwa ugaragayeho ubusambanyi yagombaga kwicishwa amabuye; kuko cyari icyaha gikomeye. Ariko Yosefu yari umukiranutsi ntiyashakaga kumwandagaza. Ariko Mariya nawe yari umukiranutsi, niwe Imana yahisemo kuba nyina w'Umwami, kandi ntabwo yamwibeshyeho. Ntabwo IMANA yibeshye mu gutoranya Yosefu kuko nawe yari umukiranutsi wayo. Iyo Yosefu aza kuba undi muntu ubonetse wese aba yaratanze Mariya bakamwicisha amabuye. Barakundanaga bombi kandi ntabwo Yosefu yigeze ashaka gukomeretsa Mariya, nubwo ashobora kuba yaratekerezaga ko yaba yaramuciye inyuma. Ikindi kandi twabonye nuko Malayika yabonekeye Yozefu amusobanurira neza aho inda Mariya atwite yaturutse, kugira ngo hatagira ikintu kibi kiba kuri Mariya, ngo abe yafatwa nk'umukobwa wasambanye. Ahubwo ko inda Mariya yari afite yari iy'Umwuka Wera.

Twabonye ko hari ingeri zimwe cyangwa version za Bibiliya zanditswe n'abahakanyi batemera ko Yesu yabyawe n'isugi Mariya. Mu Isezerano rishya kuri izo Bibiliya z'abahakanyi zasohotse mu 1946; bageze muri **Matayo 1:23** banditsemo ngo; ibi byose byabereye kugira ngo hasohore ibyavuzwe n'Imana inyuze mu kanwa k'umuhanuzi: dore umukobwa muto azatwara inda, kandi uzavuka azitwa Imanweli (bisobanura ngo IMANA iri kumwe natwe).

Mu Isezerano rya kera, izo Bibiliya zasohotse mu 1952 zerekana ko muri Yesaya 7:14 handitse ngo: hanyuma IMANA ubwayo izabaha ikimenyetso: dore umukobwa muto azasama inda kandi uzavuka azitwa Imanweli. Ngaho nawe rebe ukuntu muri Yesaya bakuyemo ijambo ISUGI bakarisimbuza UMUKOBWA MUTO, nubwo muri Matayo 1:23 bakoresheje ijambo ISUGI riza ari ubuhanuzi bwa Yesaya 7:14.

Twabonye ko Yesaya igice cya 7, hasobanura neza iby'iki kibazo; ubwo Ahazi yari ku Ngoma akaba n'umwe mubagiye kure y'IMANA cyane, kandi jye mufata nk'umwe mu bami babi. Imana yohereje Yesaya kumushyira ubutumwa atabashije gusobanukirwa. Turasoma ngo: Uwiteka yongera kubwira Ahazi ati: Saba Uwiteka Imana yawe ikimenyetso, usabe icy'ikuzimu cyangwa icyo hejuru mu kirere. Ariko Ahazi aravuga ati: Ntacyo nsaba, singiye kugerageza Uwiteka" **(Yes 7:10-12).** Gusa ibyo yavuze byari uburyarya. IMANA yabwiye Yesaya kujya guhura na Ahazi kugira ngo amuhanurire, maze IMANA imuhe ubutsinzi. Nyamara Ahazi ntabwo yemeye amagambo y'Imana, ariko kugira ngo IMANA izamure kwizera kwe imuha ikimenyetso. Nyamara mu kwihagararaho kwa Ahazi arivugisha ngo ntiyagerageza IMANA ayisaba ikimenyetso, maze Yesaya aramubwira ati; IMANA ubwayo izakwihera ikimenyetso mwabyemera mutabyemera ati; ariko ikimenyetso si icyawe gusa ahubwo ni icy'inzu yose ya Dawidi. Ati kandi icyo kimenyetso ni icyi: dore umwari azasama inda y'umuhungu uzitwa Imanweli (Yes 7:14). Bigaragara neza ko iyo haza kuba havugwa umukobwa muto ntabwo cyari kuba ari ikimenyetso kuri Ahazi, cyangwa ku nzu ya Dawidi yose. Ahubwo kiba cyarabaye ikimenyetso ku muntu uwo ari we wese ariko umukobwa w'isugi atwaye inda y'umuhungu nshuti yanjye icyo ni ikimenyetso gifatika.

Abashakashatsi 72 b'abisiraheri (buri muryango uhagarariwe n'abantu 6), basobanuye ko ijambo **almah** risobanura **ISUGI** nk'uko tubisoma muri Bibiliya ingeri, cyangwa **version yitwa septante**. Iyi Bibiliya yanditswe n'aba bashakashatsi, ubwo bahuriraga muri Alexandriya muri Egiputa bahindura isezerano rya kera ryo mu Giheburayo barishyira mu Kigiriki. Muguhindura muri urwo rurimi, bageze ku ijambo ikimenyetso ryo muri Yesaya bose uko ari 72 bamenya ko ryerekanaga ISUGI maze baryita **parthenos** nk'uko ryitwa murugiriki. Uko niko na Matayo yarikoresheje mu butumwa bwiza.

Twabonye kandi ubusobanuro bw'izina rya Yesu, ari ryo "Imanweli" bisobanura ngo IMANA iri kumwe natwe. Twasanze ko nta hantu muri Bibiliya bigeze bahamagara Yesu ngo Emanweli. Oya, ahubwo bamwitaga Yesu kuko ari ryo zina rye. Yahawe iri zina kuko ari we ugomba gukiza abantu be ibyaha byabo, mbese ni Kristo mu izina rye ry'icyubahiro. Ariko haranditse ngo azitwa Imanweli aribyo bisobanura ngo IMANA iri kumwe natwe.

Ntashobora kuba Imanweli, IMANA iri kumwe natwe; keretse avutse ku isugi gusa nibwo buryo bwonyine. Kandi menya ko adashobora kuba Yesu Umukiza keretse ari Imanweli. Impamvu bagomba kumwita Yesu Umukiza ni uko ari IMANA iri kumwe natwe. Twabonye ko uku kuri k'uwavuye mu ijuru akaza mu isi ari ikintu gitangaje muri Bibiliya.

Nyamara tubona ko Yesu Yaciye bugufi, ajya munsi y'abamalayika ho hato, yemera kubabara ndetse kugera ku rupfu, yambara ubwiza n'icyubahiro nk'ikamba kugira ngo kubw'ubuntu bw'IMANA asogongerere abantu be bose urupfu (Abah 2,9). Yagombaga kuba igitambo cyemewe; jye sinari kubasha gupfira abanyabyaha b'isi yose nta nubwo nari gupfa ubwanjye ngo ncungure ubugingo bwanjye ariko we yarabikoze. Ni gute Yesu yaba umucunguzi? Ni uko ari Imanweli, IMANA iri kumwe natwe. Ni gute yashoboraga kubana natwe? Yavutse ku mukobwa

w’isugi. Reka nongere mbisubiremo: yiswe Yesu ntawigeze amuhamagara Imanweli ariko ntushobora kumwita Yesu keretse ari Imanweli, IMANA iri kumwe natwe. Agomba kuba Imanweli kugira ngo abe Umukiza w’abari mu isi yose ari nacyo gituma dutsindagira imivukire ye ku mukobwa w’isugi.

Mu kiganiro cy’uyu munsi rero ndashaka ko twiganirira ku nkuru y’Abanyabwenge bajya kuramya Yesu, uko Yesu yahungishijwe muri Egiputa; n’uko yagarutse I Nazareti

Ibi byose tuvuga ni ibyanditswe mu mateka y’ibyabayeho, ariko harimo ibyiza tutagomba gucaho tutavuze. Ubushize twavuze ko buri butumwa bwiza bwanditswe bwari bufite abantu runaka bugenewe. Tubona ko Matayo we yabwandikiye Abisiraheri ni ukuvuga ko yabwandikiye abantu bibandaga cyane ku bintu by’idini. Ibyo Matayo yanditse byerekana ko ubuhanuzi bwo mu isezerano rya kera bwasohoye ubwo Yesu yavukaga. Muri iki gice cya 2 cya Matayo ndabizi neza ko hari abanyeshuri b’ukuri, biga ibyanditswe byera, bibaza ukuntu ubu buhanuzi bwose bwashoboraga gusohora Kristo yavutse. Birasa n’ibikomeye kubyumva no kubyizera, ndetse kuri bamwe bumva bidashoboka. Ariko reka nkugezaho urutonde rumwe rw’ubuhanuzi bwasohoye ubwo Yesu yavukaga:

1.Yagombaga kuvukira I Betelehemu (Soma Mika 5:2)

2. Yagombaga kuzakurwa mu Egiputa (Soma Hoseya 11:1)

3. Hari imiborogo I Rama (Soma Yer 31:15)

4. Yagombaga kuba uwo mugitsina cya Yesayi, akazitwa umunyanazereti (Soma Yesaya 11:1)

Niba Yesu Kristo yaragombaga kuvukira i Betelehemu, kuki i Rama mu majyaruguru ya Yerusalemu hagombaga kuba umuborogo, mu gihe kandi Betelehemu yo iri mu majyepfo ya Yerusalemu? Kuki se yagombaga kuzitwa umunya Nazareti, kandi yaravukiye i Betelehemu akanahungira muri Egiputa? Aha umuntu yibaza ukuntu ubu buhanuzi bwose bwagombaga gusohora binyuze mu kuvuka gusa ku mwana muto. Matayo yerekana neza uburyo ubu buhanuzi bwose koko bwasohoye bitagoranye, kandi byose bikaba uko IMANA yari yarabivuze nta jambo na rimwe rivuyemo.

Muri iki gihe iyo habonetse ubuhanuzi bwo kugaruka kwa Kristo, usanga abantu benshi bibagora kubyumva, ndetse bakumva ko bitazasohora; ariko ndatekereza ko n’ubu ahubwo byenda gusohora, kandi uko ubuhanuzi bubivuga niko bizagenda. Bisa naho bigora abantu kwihangana ngo bategereze, ariko ubwo Kristo azagaruka uzasanga nk’uko ibya mbere byose byasohoye bakabona uko byavuzwe, niko bizagenda n’ubundi uzasanga bisohoye uko byahanuwe ntagihindutse.

UKO BYAGENZE ABANYABWENGE BAZA KURAMYA YESU, REKA DUSOME ubutumwa bwiza bwa **Matayo 2:1** :"**Yesu amaze kuvukira I Betelehemu mu gihugu cy'I Yudaya ku Ngoma ya Herodi haza abanyabwenge baturutse iburasirazuba bajya i Yerusalemu**.

Ubwo abanyabwenge bazaga i Yerusalemu kuramya Yesu, hari ku ngoma ya Herode; bamaze kumubwira ikibagenza; ko ari ukuramya umwami wavutse, Herode yagaragaye nkurwanira ingoma.

Ese Bibiliya iravuga ngo "nuko haza abanyabwenge batatu (3) baturutse i Burasirazuba baza Yerusalemu"? Wenda urasubiza uti oya, kuko wongeyemo umubare gatatu kandi muri Bibiliya utarimo. Yego muri Bibiliya umubare gatatu nturimo, ariko ndabizi ko wagiye ubisoma ku makarita y'umunsi mukuru wa Noheri wahawe n'inshuti yawe, cyangwa umuvandimwe wawe. Ndabizi ko abantu benshi bagiye bamenya ibya Noheri; atari uko babisomye muri Bibiliya, ahubwo bagiye babikura kuri ayo makarita y'umunsi mukuru wa Noheri; Kandi hari igihe ibyanditse kuri ayo makarita biba birimo amakosa. Muri iri somo ndagira ngo tugende dukosora byinshi ushobora kuba wari uzi nabi.

Ibyanditswe nta hantu bivuga ko abanyabwenge baje kuramya Yesu bari batatu; kandi najye sinzi ngo baje ari bangahe, ariko sinzi ko abantu batatu bari gutuma Herode ahangayika; cyangwa ngo batere abi Yerusalemu guhagarika umutima. Nemera wenda ko, iyo baza kuba nka 300 byari gutuma koko Herodi na b'i Yerusalemu bahagarika umutima. Bariya banyabwenge baturutse iburasirazuba baje bavuye ahantu hatandukanye, bari barize ibintu by'inyenyeri hanyuma mugihe inyenyeri yabonekaga bishyira hamwe baza Yerusalemu. Sinzi umubare wabo, ariko icyo nahamya nuko, batari batatu gusa ariko, nibura tuvuze nka 300 byapfa kumvikana ariko ntukongere kuvuga ko bari batatu 3.

Dukomeje gusoma umurongo ukurikiraho muri **Mt 2:2,** utwereka ko abanyabwenge baje babaza bati; **Umwami w'abayuda wavutse ari hehe? Ko twabonye inyenyeri ye turi iburasirazuba, none tukaba tuje kumuramya**. Aba banyabwenge baje bashakisha umwami wavutse, ari nacyo cyatumye Herode ahagarika umutima. Baje bavuga ngo "twabonye inyenyeri ye". Hari umuvugo witwa INYENYERI Y'IBURASIRAZUBA, ndetse hari n'umuryango witwa iryo zina. Umuyobozi wawo ni umugore w'umukristo. Uyu yigeze kumva bavuga ngo ntabwo ari inyenyeri y'iburasirazuba, biramubabaza ariko nukuri iyo iza kuba inyenyeri y'iburasirazuba iba yaragarukiye mu Bushinwa, cyangwa mu Buhinde. Inyenyeri yari iy'iburengerazuba naho abanyabwenge bo bari ab'iburasirazuba. Witegereje ubona ko inyenyeri yari iburengerazuba, hanyuma abanyabwenge bayibonye barayikurikira baturuka iburasirazuba baza iburengerazuba. Hari ikibazo nibaza cy'ukuntu abantu bahuza inyenyeri n'umwami, n'ukuntu bayerekana ku bisiraheri. Icyo nzi nuko kubirebana n'iburasirazuba, abantu bari bafite ubuhanuzi bwahanuwe na Balamu dusanga mu gitabo cyo **Kubara 24:17.** (Wibuke ko ubu buhanuzi bwa Balamu bwerekezaga ku bisiraheri), Balamu ati ndamureba ariko si ubu, ndamwitegereza ariko ntandi

bugufi, Inyenyeri izakomoka mu bwoko bwa Yakobo, Inkoni y'ubwami izaboneka iturutse mu bwoko bwa Israheri izashinja inkiko z'i Mowabu, izatsinda hasi abaheti bose.

Reka duce akarongo kuri ubu buhanuzi buvuga ngo; inyenyeri izakomoka mu bwoko bwa Yakobo, kandi ubwo bwoko buvugwa nibwo bw'abisiraheri. Bukomeza buvuga ngo; inkoni y'ubwami bwa Isiraheri. Noneho reka duhuze ayo magambo yombi: inyenyeri n'inkoni y'ubwami. Aha niho honyine nzi ubu buhanuzi bwashyizwe hamwe mu isezerano rya kera. Abanyabwenge b'iburasirazuba bari bazi ubwo buhanuzi, hanyuma baje mu buryo bw'igitangaza gushaka umwami, nuko ibyo bihagarika umutima abo mu murwa wa Yerusalemu na Herodi wari umwami.

Umva uko Matayo abivuga ku murongo ukurikiyeho: **Umwami Herode abyumvise ahagarikana umutima n'ab'I Yerusalemu bose Mt 2:3**

Abanyabwenge bamaze kugera Yerusalemu bakabaza ngo Umwami wavutse arihe, abaho bose barikanze, Herodi ashaka kumenya amakuru y'imvaho, kuby'uwo mwami bavugagako yavutse. Herode uyu, yari umuntu ukomeye cyane, ushatse washaka ibitabo bikamukubwiraho, ndetse ukamenya no ku muryango yavukagamo: bari abantu babi cyane umuntu yagereranya n'abo mu muryango wa Medeci batangije umuryango wa MAFIA. Herode Mukuru ni we wabaye mubi kurusha abandi: ntabwo yari umwisiraheri, ariko yari afite ubwoba cyane, ashaka kumenya aho uwavutse ari, yumva ko aje gukuraho ingoma ye

Umurongo ukurikiyeho uravuga ngo: "… **ateranya abatambyi bakuru n'abanditsi bose b'ubwo bwoko, ababaza aho Kritso azavukira aho ari ho". Mt 2:4**

Hano ntabwo Herode yabajije, ahubwo yasabye abatambyi bakuru b'ubwoko bwa Israheri ngo; Ese ko mufite ubuhanuzi bwa kera buvuga kuri Mesiya, nihe agomba kuvukira? Ikintu gitangaje cyane; ni ukuntu bahise bamusubiza bati: **ni Betelehemu mu gihugu cy'i Yudaya, niko byanditswe n'umuhanuzi**: **ngo nawe Betelehemu ho mu gihugu cya Yuda, ni ukuri nturi mutoya mu midugudu ikomeye ya Yuda, kuko muri wowe ari ho hazaturuka umutware uzaragira ubwoko bwanjye bw'abisiraheri." Mt 2:5-6**

Ubwo Herode yabazaga abanditsi aho Mesiya yagombaga kuvukira, ntibazuyaje bahise bamusubiza batiriwe bajya gushakisha mu bitabo; kuko bari babizi mu mutwe bazi naho byanditse. Bari bazi byose bijyanye na Mesiya, ariko ikibazo nuko ubumenyi bwabo bwari ubw'ibyo bize gusa, ntaguhishurirwa kandi ibyo ntacyo biba bivuze ku muntu ku giti cye; bimeze nk'uko umuntu amenya amateka ya Bibiliya, akamenya ibyanditsemo; ariko ugasanga ni ubumenyi gusa butagize icyo bimumariye kuby'ubugingo; ahubwo atahiye kumenya amateka gusa. Ubundi nk'uko abanditsi bari bazi ibyanditse mu isezerano rya kera, bakagombye kuba baregereye abanyabwenge bakabasaba ko bajyana kureba Mesiya; ariko nyine kuko bwari ubumenyi gusa butarimo guhishurirwa, ntacyo byari bibabwiye. Njya nkunda kwibaza by'ukuri ni abantu bangana iki bategereje kugaruka kwa Kristo kandi bihora biririmbwa, byigishwa, bihanurwa. Ese wowe unyumva urumva witeguye kandi wifuza kumubona agarutse? Reka

tuvuge nk'ubu aramutse aje akagusanga mubyo urimo gukora, wakwifata ute? Ese wahagarika ibyo wari urimo? Cyangwa se wavuga uti icyampa ukaba uretse ukazagaruka nyuma? Ni wowe uzi uko wasubiza. Reka twe twikomereze umurongo wa 7 aho Matayo akomeza avuga ati: "**Nuko Herode ahamagara abanyabwenge rwihishwa, abasobanuza neza igihe baboneye iyo nyenyeri"**. **Mt 2:7**

Hari ikintu nshaka kuvuga hano, hanyuma nze kucyerekana neza hanyuma: inyenyeri yari yagaragaye mbere yuko abanyabwenge bayibona i Yerusalemu. Mwibuke ko bakoze urugendo bari ku ngamiya zabo atari indege; urumva ni urugendo rurerure kandi ruruhije ku ngamiya. Ntekereza ko bashobora kuba barahagurutse iwabo mbereho umwaka wose, bakimara kubona inyenyeri; ntabwo bari baje kwizihiza Noheri, urabona ko bari bafite ibintu by'igiciro, baje gutura Umwami wavutse. Wibuke ko Herode we yibutse kubaza igihe baboneye iyo nyenyeri, ibi birazakudufasha mu kanya kari imbere.

Nuko Herode yohereza abanyabwenge i Betelehemu, arababwira ati: "**nimugende musobanuze neza iby'uwo mwana , nimumubona muze mumbwire najye njye kumuramya" Mt 2:8**

Murumva ukuntu Herodi yari umunyabwenge, kuko yeretse abanyabwenge ko ntakibazo afite ku mwana wavutse; arababwira ngo; nimugende nimumubona najye muze mundangire aho ari; njye kumuramya. Yanze kubabwira ko yashakaga kumugirira nabi, kuko yumvaga nababwiza ukuri batazagaruka kumubwira; nyamara yashakaga kumwica.

Umurongo ukurikiyeho ugira uti: **Bamaze kumva umwami baragenda kandi ya nyenyeri babonye bakiri iburasirazuba ibajya imbere, irinda igera aho uwo mwana ari ihagarara aho. Babonye iyo nyenyeri baranezerwa cyane. Mt 2:9-10**

Hano Bibiliya iratubwira ko inyenyeri yongeye kubabonekera; nkaba ntekereza ko bashobora kuba hari urugendo rurerure bakoze batakiyibona. Abantu bakunda kwitiranya iby'iyi nyenyeri, ariko ibi biratuma dutandukanya iyi nyenyeri n'izindi nyenyeri zisanzwe. Iyi yari inyenyeri idasanzwe, inyenyeri y'igitangaza. Nk'uko benshi mu bantu bize iby'inyenyeri babitekereza, birashoboka ko nta rujya n'uruza rw'inyenyeri rwari ruri mu kirere mu mwanya abanyabwenge bayibonaga. Ubwo Yesu yavukaga isi n'ijuru byarabimenye, ndumva ari uko byagenze; ariko abanyabwenge bo babonye inyenyeri idasanzwe.

Matayo akomeza avuga ngo: **Bageze munzu basangamo Umwana na nyina Mariya barapfukama baramuramya. Maze bahambura imitwaro yabo bamutura amaturo y'izahabu n'icyome n'ishangi. Mt 2:11**

Abanyabwenge bageze aho Yesu ari; ntabwo yari ari mu kiraro inyuma y'icumbi. Abantu ntabwo bari bakiri mu mayira mu murwa wa Betelehemu. Bari batashye kuko ibarura ryari ryarangiye, ariko uyu mwana yavutse bakiri mu nzira; ababyeyi be babura uko bakomeza urugendo kuko iyo bakomeza ntabwo byari kumerera neza ubuzima bw'uruhinja. Nicyo cyatumye baguma i Betelehemu, hanyuma bashakisha inzu bajyamo ari naho abanyabwenge

babasanze. Ikindi navuga hano, nuko amakarita ya Noheri yerekana abanyabwenge binjira mu kiraro. Keretse Yosefu abaye yaraberetse ikiraro; ariko ubundi ntabwo bigeze bamenya aho cyari kiri ahubwo baje mu nzu.

Wowe unteze amatwi ndakwinginze ngo usobanukirwe ko; igihe abanyabwenge babonaga Umwana na Nyina Mariya, baramupfukamiye baramuramya. Niba hari ubwo Mariya baba barigeze kumuramya, byaba ari icyo gihe, ariko naho ntibigeze bamuramya kuko bari abanyabwenge. Baramije Yesu bamutura ibintu by'igiciro: izahabu, icyome n'ishangi. Ni ngombwa ko twiga cyane, tukamenya ibimenyetso byo kugaruka kwe nk'uko tubisanga muri Yesaya 60:6. Ingamiya nyinshi, indogobe z'I Midiyani, n'I Efa, n'izi Sheba zose zikazanwa, bakazana izahabu n'ishangi bakabishyira imbere y'Uwiteka kumunezeza. Utekereza se ko ari iyi he mpano izazanwa mu kugaruka kwa Yesu? Ishangi se? oya rwose. Mbere ntibazanye ishangi, kuko yasobanuraga iby'urupfu rwe, ahubwo yasobanuraga ko uyu mwana wavutse ari umwami. Ibi byose bivuzwe babimutuye mu ivuka rye, ariko ubwo azagaruka nta shangi bazamuzanira, kuko atazaza azanywe no kudupfira ku musaraba nka mbere, ahubwo azaza nk'Umwami w'abami, Umutware utwara abatware.

Nshuti yanjye, mbese wari uzi yuko Umwami Yesu yageze ku mugabane wacu, wo muri Africa? Ndibuka umunsi umwe nigeze gutambutsa ubutumwa ku rubuga nkoranyambaga rwa Facebook. Icyo gihe hari mu bihe bya Noheri, ni uko ndandika nti; "Africa yahawe umugisha, igihe Umwami Yesu yahungishirizwaga ku butaka bwayo, mu gihugu cya Egiputa". Nabyanditse mu rwego rwo gufasha abantu gukomeza kwibuka ibyabaye mu gihe cyo kuvuka kwa Yesu. Ariko uzi icyantangaje nshuti yanjye? Uwo munsi abantu benshi banditse ku rukuta rwanjye rwa facebook, barambaza bati; tubwire ibyo wanditse koko ni byo? Ndababwira nti ni ukuri kudashidikanywaho, Umwami Yesu Kristo yageze ku butaka bwa Africa, igihe bamuhungishaga Herode, washakaga kumwica.

Reka dusenge

Mwami Yesu ndagushimiye cyane kuko wabonye ko kubana n'Imana mu ijuru atari ikintu cyo kugundira, uremera wambara umubiri, uza mu isi, uvukira mu muryango woroheje wa Mariya na Yosefu. Ijambo ryawe Mana ritubwira ko nta rindi vuka ry'igitangaza ryabayeho mu isi, usibye ivuka ryawe. Ubwo wavukaga ijuru n'isi byarabimenye, maze ngo inyenyeri zo mu kirere zose zirahunga, kugira ngo hagaragare inyenyeri imwe yo kuvuga inkuru nziza, yuko mu isi havutse Umukiza, uwo azitwa Imana isumba byose, azitwa Igitangaza. Iyo niyo nyenyeri yayoboye abanyabwenge kugeza ubwo bazaga kumutura amaturo. Turagushimiye Yesu kuko iyo utatuvukira ntituba tukiriho. Ni mu izina ryawe Kristo dusenze. Amen!

Nshuti yanjye, ntuzacikwe n'ikiganiro cy'ubutaha, nzakubwira, uburyo marayika w'Imana yaburiye abanyabwenge ngo ntibasubire kwa Herode kuko yashakaga kwica Yesu, nzakubwira n'uburyo Umwami Yesu yahungishijwe muri Africa, mu gihugu cya Egiputa. Imana IGUHE UMUGISHA